

Ihame ry'umusaruro w' Imihigo



“Umutima w’umuntu utekereza urugendo rwe, ariko uwiteka ni we uyobora intambwe ze.” Imigani 16:9

Byandistwe na rwiyekezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Gupanga bishobora kuba umuhigo ubwawo, usibye ko imihigo habaho imihigo y’igihe kirekire cg ifite ingamba z’igihe gito. Umugambi rero ukaba niwo shusho y’ ibyo tugamije hanyuma imihigo y’igihe gito ikaba umusingi udufasha kugera aho twifuza. Buri kimwe dukora muri ubu buzima kigomba kuba gishingiye ku muhigo. Iyo tudafite umuhigo, tuba nta cyerekezo dufite mu buzima, bityo tukisanga tugen-dera ku migambi y’abandi. Tugomba kumenya ko ibintu bitikora. Yego dushobora kugira inzizi z’ibyo dushaka ejo hazaza, ariko ntibizabaho kereka dushyizeho gahunda y’imihigo ya buri cyumweru cg buri kwezi yo kugera aho dushaka. Tugomba gukora twifashisha gahunda ya buri muni cyangwa se urutonde rw’ ibintu wifuza gukora mu cyumweru. Ibi bizaduhesha ubuzima bwiza ejo hazaza, kuko hari ibigenda bikoreka. Hatabayeho gupanga no gushyiraho imihigo, ugasanga duhora dukemura ibibazo, maze tukumya ko ubuzima bugizwe n’ ibihe bikomeye gusa. Kugira icyo ugeraho mu buzima rero bihera kuri —

1. Kumenya aho turi
2. Kumenya icyo dushaka (umuhigo).
3. Kugira umugambi yo kugera ku cyo wifuza (ingamba).

Ahanani mu buzima bwacu dushobora kugenda nkuko tubyifuza, mu gihe dufite umuhigo maze tugakomeza gutunganya umugambi wacu. Ndetse niyo dupanze ibikorwa byacu tukesa n’imihigo yacu, twunguka akanyamuneza. Aho tuba tubaye indashyikirwa. Gusa tushobora kwibaza: ibintu nkora iki cyumweru, ese ni ibintu napanze bijyanye n’umuhigo wanjye, cyangwa nibyo napanze ku nyungu zabandi?

Twese tugomba gufasha no kwitabira mu bitekerezo n’imishinga y’abandi. Ariko, niba twifuza kugera ku byifuzo by’ubuzima bwacu, natwe tugomba kugira ibitekerezo n’imishinga yacu bityo tugatangira

gupanga uburyo twayishyira mu bikorwa. Nibyo, tugomba kugira imihigo maze ikavamo umugambi, ariko kandi tujye dusaba Imana idufashe.

Kugira ngo inzizi zacu zisohore, tugomba gukora ibi bintu bine bikurikira:

1. Andika inzizi zawe ku buryo burambuye.
2. Andika icyo bizagusaba kubikora (sesengura).
3. Andika imihigo/intego hamwe n’ingamba (z’umugambi).
4. Cishamo amaso maze usuzume igihe cyose (guhozaho).

Hari itegeko ry’ ubuzima rivuga ngo, “ tureshya ibintu twashyizeho umutima.” Ni uko rero, ujye uhora witwaza ikaramu n’urupapuro kugira maze ujye wubakira izindi nama kuri ya mihigo yawe nyuma y’igihe uzagenda ubona umugambi wo kuyigeraho. Kwandika inzizi zacu n’imihigo yacu bizadufasha ibintu bibiri: icya mbere, tuzasanga niba koko dufite inzizi cg niba ari ukwifuza gusa. Icyo kabiri, tuzabona igiciro cy’izo nzizi. Yesu yaravuze ngo mbere yuko twubakira, tugomba kureba icyo bidusaba tuvuge nk’igihe, imbaraga, n’amafaranga. Kubaka inzizi bizahora bidusaba ikintu runaka. Igiciro n’ubwitange bukenewe wo kugera kuri izo nzizi bushobora kuba burenze ibyo dushoboye gutanga. Aha rero dushobora kureka izo nzizi cyangwa se

tuga hinduraho gake. Biba byiza cyane rero iyo duhora dusuzuma imihigo yacu. Biduha umurava wo gukomeza kandi tukarushaho gutyaza ubwenge bwacu.

Imihigo imwe igomba gushyira hose mu mugambi wacu kugira ngo dushobore gupima iterambere ry’uwo mugambi. Hatabayeho umuhigo inzizi zacu zizasa nkizidashoboka. Ariko mu gihe twihaye umugambi mwiza ugaragiwe n’imihigo ikurikirana, aho tuzibanda ku muhigo w’igihe gito, bityo usange aho kwizirika ku mugambi uzafata imyaka 5 cg 10 dore uba uteye ubute, maze tugatakaza ubushake.

Ni byo koko, tugomba kubaza Imana guha umugisha umugambi wacu. Mu gihe bisa nkaho bikomeye, ahari wenda twayihindura. Mu gihe imigambi yacu itahawe umugisha n’Imana, aho tuba twubakira ku musenyi. Kabone nubwo twayigeraho, ntabwo ibyishimo tugira bishobora kuramba.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Umuntu urasa ubusa mu kuri ntajya ahusha.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed